

IBYAPA N'IBIMENYETSO WASANGA MU MUHANDA



Ikoni ibumoso




Ikoni ihurwa



Akazamuko gashinze cyane



Akamanuko gashobora gutera ibyago



Ifungana ry'umuhanda. bishobora kuba iburyo cg ibumoso, kubera akayira



200 m

Umuhanda utaringaniye utunogo, dos d'ane, muri 200m



Guhinguka ahagereye icyome, kumwaro cg ku nkombe




Ahegereye igice cy'umuhanda aho amabuye ahanuka, gishobora gucurikwa hakurikijwe uruhande biriho




Kerekana akayira k'abanyamaguru,



Kerekana inzira y'amagare




Iyo uvuye mu sens unique, wegereye igice kibisikanirwamo




Ugeze mu nkomane, kandi gutambuka mbere bigengwa n'amategeko rusange yo gutambuka mbere



Umuhanda batambukamo mbere (uwo munini) ariko bizasimbuzwa icyapa cya priorité






Ibi bimenyetso bitegeka umuyobozi wese ugeze ku nkomane ikimenyetso cyo guha inzira ibinyabiziga bigenda mu muhanda yegera.



Ahegereye inkomane banyuramo bategetswe kuzenguruka



Amasangano y'inzira n'inzira ya gare ya moshi, bigomba gushyirwa kimwe muri 150m, ikindi 100m ikindi muri 50m, uhereye ku masangano y'inzira na gare ya moshi.




Ahegereye icyago kidasobanuye ukundi




Byerekana icyago kidahoraho, kandi byerekana aho bayobereza umuhanda nk'igihe k'impanuka cg hari imirimo ikorwa mu muhanda




Hagarara akanya gato




Byereka umugenzi ko afite uburenganzira bwo gutambuka mbere





Kerekana aho uburenganzira bwo gutambuka mbere burangirira, ubwo aho kiri ureka gutambuka mbere y'ibindi binyabiziga



Reka ibinyabiziga biturutse mu muhanda ufunganye bibanze bitambuke. Birabujijwe kwinjiza imodoka mu muhanda ufunganye igihe cyose utashobora kuyirenga bidatumye ibinyabiziga biturutse aho ujya bihagarara



Ufite uburenganzira bwo gutambuka mbere y'ibinyabiziga bije bigusanga, iyo ugiye kwinjira mu muhanda ufunganye




Inkomane y'inzira nyabagendwa n'inzira ya gare ya moshi. icyo kibanza kerekana ko inzira ya gare ya moshi ifite nibara amashami abiri

IBYAPA BIBUZA (SIGNAUX D'INTERDICTION)



Nta kinyabiziga kihanyura



Ntihanyurwa mu byerekezo byombi




NTAKINYABIZIGA KIHANYURA? URETSE IBY4ABAHATUYE





nTIHANYURWA n'ikinyabiziga, abagenzi bamwe na bamweligishushanije kuri iki cyapa kibujijwe kuhanyura, niyo ari amoko menshi ashushanijeho aba abujijwe kuhanyura.



Icyo hejuru kibuzza ibinyabiziga bifite uburebure burenga icyanditsemo, icyo hepfo kibuzzaibifit ubugari burenze



Kibuzza ibifite uburemere burenze ubwerekanye muri T




Birabujijwe guhindukira



Birabujijwe kunyura kukinyabiziga cyose kitari ikinyamitende ibiri n'amapikipiki. icyo kibanza, icyo cya mbere kibuzza imodoka zitwara imizigo zitarengeje 3,5 T kunyura kuzindi zose, akapa nyongera gashobora kwerekana uburemerazaba zifitezikaba zibujijwe gunyura kuzindi




Iherezo ry'ibibuzwa byose byerekanwe mbere ku binyabiziga bigenda




Birabujijwe kuvuza amahoni (keretse icyo ari ukwirinda impanuka)

Birabujijwe guhagarara umwanya munini



Birabujijwe guhagarara umwanya munini n'umuto



IBYAPA BITEGEKA (SIGNAUX D'OBLIGATION)



Icyerekezo gitegetswe. gitegeka buri kinyabiziga gukurikira ikerekezo kerekanwe n'uturangacyerekezo cyangwa kunyura muri kamwe mu byerekezo byerekanwe n'uturanga - cyerekzo



Ikerekezo gitegetswe, ibinyabiziga bishobora kunyura hirya no hino y'inkomyi iri mu nzira nyabagendwa



Uguhigama, cerekana mu nzira ifunganye igice cyagutse cy'inzira nyabagendwa gituma habaho guhagarika ikinyabiziga kugirango gihe umwanya ibinyabiziga biturutse imbere



Ugukikira bitegetswe; gitegeka buri kinyabiziga kunyura mu ruhande rw'ubuhungiro cg rw'inkomyi yerekanwe n'akaranga kerekezo



Inkomane banyuramo bazenguruka



Inzira y'ibinyamitendeitegetswe



Inzira y'abanyamaguru itegetswe




Umuwuduko muto ntarengwa utegetswe



Iherezo ry'umuwuduko muke ntarengwa utegetswe

IBYAPA BIYOBORA (SIGNAUX DE PRESIGNALISATION)



Urugero rw'ibyapa bimenyesha mbere ibyerekezo biteganijwe mu masangano begereye



Urugero rw'ibyapa bimenyesha mbere umuhanda udakomeza